RUHENGERI
20598

# I T A N G A Z O

Ku Batware b'Intara nab'Imisozi(bose)

Ngiri Itangazo ku kantu bose ryerkeye imisoro yo mu 1960.
Imbarata zizatangirwa kuli Territoire kuraya mataliki akurikiye:

Mulera na Buberuka kuwa kabili tariki 19 Aprili isaha ya 2 n'igice.
Bukonya-Bugarura na Buhoma-Rwankeri kuwa gatatu tariki 20 Aprili isaha ya 2 n'igice.
Abatware b'imisozi bazajya bahagara abantu kuza gusora begerej' amataliki yo kuza gusora kwa Comptable.
Amataliki yo kugemura naya akurikiye:
Mulera ku mataliki ya 22 Aprili,kuya 9 na 20 Mayi,kuya 7 Yuni.
Buberuka kuya 23 Aprili, .kuya 10 na 23 Mayi, kuya 8 Yuni.
Bukonya-Bugarura kuya 25 Aprili,kuya 11 na 24 mayi,kuya 9 Yuni.
Buhoma-Rwankeri kuya 26 Aprili,kuya 12 na 25 mayi,kuya 10 Yuni.

Abatware b'imisozi bagomba kugemura,isanduka yabo iri hafi kubamo amafranga ibihumbi mirongw'ine.

Kereka mukwa gatandatu,niho bose bagemura amafranga ali mw'isanduka bamaze kubona.

Kwakira imisoro bitangira saha ya 2 yo mu gitondo (8h)Abatware b'imisozi bazaza nyuma ya saa ine n'igice(10 ½ h) ntibazaba bacyemerewe kuyakira.

Abatware b'imisozi bagomba kuzana ibitabo bya Modèle B n'agatabo bandikamo amaparata.

Muributswa ko Bwana Comptable yakira abantu iminsi yose guhera isaa tatu kugera saa sita,kereka iya gatandatu no kuva tariki 25 za buli kwezi kugera kuya kabili y'ukwezi gukurikiyeho.

Ndibutsa Abatware b'imisozi ko umugore wa kabili yigirira ubwe impapuro zo kwa Muganga.

Buli mugore,ubishatse yakwigirira izo mpapuro ubwe n'abana be.

Le Comptable Territorial,

DE VISSCHER.A.

BCM

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE RUHENGERI

ITANGAZO KU BATURAGE.-

Bigomba kumanikwa ku biro bya Territoire, ku biro bya Urulembo rwa Intara kandi bigatazwa n'Abategetsi kavukire.

Ingingo ya I. Bimenyeshejwe Abaturage ba Territoire ya Ruhengeri yuko imisoro ya I960 izatangizwa guhera kw'itarki ya mbere y'ukwezi kwa Gicurasi I960.

Ingingo ya 2. Ili tangazo lirabamenyesha ko mugomba gufatirwwa imisoro kuliyo tarki batanze yo gutangira. Bazatangira gufatira umusoro kubanze gusora ukuyeho abasaza n'abarwayi, kuva kw'itarki ya mbere y'ukwezi kwa gatanu I960.

Ingingo ya 3. Usora agomba kujyana umusoro aho usoresha atuye kandi usoresha ntarenga imbibi zaho agenewe ngo asoreshe abatuye ahandi.

Abagomba gusora:

a)Umusoro w'umugabo: Buli muturage wo muli Ruanda-Urundi n'uwavuye ahandi w'igitsina kigabo ufite imibereho kimwe niy'abaturage, ukuze kandi utali ikimuga utuye muli Ruanda-Urundi muli uwo mwaka.

Uwitwa ko akuze nugejeje nibura imyaka I8 yuzuye igihe batangira gusora.

-Agomba gusonerwa umusoro w'umubili

I)Abaturage bafite ikemezo cy'uko batwaye muli uwo mwaka nibura mo amezi3 akurikiranye, ali Umutwale wa Intara cyangwa uw'Umusozi.

2)Abaturage bafite icyemezo ko bakoze akazi mu mezi 3 akurikiranye k'ubusilikari cyangwa k'ubupolisi.

3)Abaturage bafite icyemezo ko muli uwo mwaka basoreye Finance.

4)Abaturage bafite icyemezo ko baje gutura muli Ruanda-Urundi nyuma y'ukwezi kwa IO kuwo mwaka.

5)Abaturage bafite icyemezo ko kubera indwara, batashoboye gukora mu mezi atandatu akurikirana yuwo mwaka.

6)Abaturage ba Ruanda-Urundi aba Coango-Mbiligi bakoze akazi k'ubusilikari nabandi bagiye mu ntambara hagati ya tarki IO.5.I940 na 8.5.I945 no mu ntambara hagati ya 4.8.I9I4 na II.II.I9I8 abarwanye mu basilikari ba Congo-Belge cyangwa mu Bibumbye uretse abagiyemo nyuma y'itarki 85.I944

7)Abanyeshuli babereye abagabo mu mashuli aliko bafite icyemezo cy'uko bagikomeje amashuli kandi atagize ubwo ahagarara.

8)Abategetsi b'Amadini n'Abihaye Mungu, bali mw'Idini igihe cyose kandi bazwi mu Butegetsi bwa R.U. kandi badafite ubukire bwabo bwite, bihhebeye umulimo wabo rwose, bakihatira kwigisha ubwenge no kwamamaza izindi nyigisho

b)Umusoro w'umugole: Buli muturage wo muli R.U. n'uwavuye ahandi ufite imibereho nkiy'abaturage bandi afite abagole benshi, atuye muli R.U. mugihe cyo gusoresha, yaba atanga umusoro w'abagabo cyangwa atawutanga.

c)Umusoro w'Inka:Umuntu wese utunze inka zitali inkone, amapfizi cyangwa inyana zitaramara amezi atandatu, izindi nka zose zigomba gusora.

Ibisonga byose bihawe ububasha bwo gusoresha ku misozi batwara.Bagomba kumenyesha ingabo zabo iminsi yo gusoresha. Abatwale ba Intara n'Abazungu bose ba Leta bazagenzura umwete basoreshanya.

Ingingo ya 5. Impaka zose zerekeye KUGOMBA GUSORA, KUBIHATIRWA no KUWUTANGA bisanzwe, zizashyikirizwa Bwana Administrateur wa Territoire Niwe uzajya yitegereza buli mpamvu abikiranure. Bashobora kujurira kwa Bwana resida w'Uruanda igihe batemeye ibyo Bwana Administrateur wa Territoire ategetse.

Ingingo ya 6. Umubaro w'imisoro ya 1960.

TABLEAU A. UMUSORO W UMUGABO.-

Mu Ntara zose.

| | |
|---|---|
| Umusoro wa Leta: | I60 |
| Umusoro wongererwa CAC. | 64 |
| Ay'uburetwa: | 98'50 |
| Ayongererwa gukora nokugwiza imihanda: | 35 |
| Ay'amashyamba: | I0 |
| Ayo gutera imiti mu mazu: | I3 |
| Ay'amazi: | Azaba ahagaritswe byagateganyo. |
| | 380'50 |

TABLEAU B. UMUSORO W'UMUGOLE.

Mu Ntara zose.

| | |
|---|---|
| Amafranga ya Leta: | I60 |
| Amafranga ya CAC: | 64 |
| | 224 |

TABLEAU C.UMUSORO W'INKA.

Mu Ntara zose.

| | Mulera na Bukonya-Buagarura | Bukamba na Buhoma-Rwankeri |
|---|---|---|
| Umusoro wa Leta: | 75 | 75 |
| Inyongera ya CAC | 20 | 20 |
| Inyongera y'icyegero cy'inka | I5 | |
| | II0 | ~~95~~ |

Ruhengeri le I3 avril I960

L'Administrateur de Territoire
J. De Man

De Man